211

$A_3$ Promotion des arts, de l'écrit et du droit d'auteur.

Kugusaba gusohoranza ubutumwa.

1999

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL. 8 3525**
**FAX : (250) 8 3518.**

**Kigali, ku wa**

**N°................/.................**

1) corriger
2) Date
3) N°
4) 12 photocopies

Bwana RUTAZIBWA Bernardin,
Umuyobozi w'Ishami ry'Imikino Gakondo
**KIGALI.**

**IMPAMVU** : Kugusaba gusohoza neza ubutumwa D.C.A yahawe n'abamukuriye.

Bwana Muyobozi,

Mw'ibaruwa n° 16.1/99, yo ku wa 7/1/1999, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni yagusabye kugira ubutumwa bw'abamukuriye ugeza kuri bamwe mu bakora muri FESPAD.

Ubwo butumwa bwari buri mu rurimi rw'igifaransa, bugira buti :

"Le personnel en activités au Projet FESPAD, qui n'a pas encore signé de contrat de travail avec le Ministère, est prié de le faire, par vos soins. Celui qui n'entend pas signer un tel contrat voudra bien immédiatement prendre ses dispositions. Cette instruction, qui est pertinente, vient de m'en être enjointe par la hiérachie" bivuze ngo :
"Abakora mu mushinga FESPAD, bataragirana amasezerano y'akazi na Minisiteri, babikore vuba, ubibafashijemo. Uwaba yumva atazagirana na Minisiteri ayo masezerano, yaba asezeye hakiri kare. Aya mabwiriza, aje ari mu gihe, nayahawe n'abankuriye mu mirimo".
Ni mu gihe lero koko, kuko amafaranga y'umushinga FESPAD asigaye ari ntayo.

Ubutumwa bw'abayobozi lero si ubutumwa bwirukana abakozi bafitanye amasezerano na Minisiteri, ahubwo ni ubuha amahirwe y'akazi, abatari bagirana amasezerano na Minisiteri, nka Wellars MUCUNGASIRI, uvugaho akazi k'ikiraka, nka Justin NYIRINGANGO, mu gihe yaba atarashyira umukono ku masezerano y'akazi.

Ibyanditse mw'ibaruwa lero ni ibyo, si ibindi, nkuko bigaragarira buri wese. Ku buryo buriya butumwa butareba undi wese wumva afitanye amasezerano na Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

Minisiteri ikurikiza politiki ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ishaka abakozi bashoboye kandi b'inyangamugayo, mbese nka bari nzi neza, wandikiye mw'ibaruwa yawe yo ku wa 12/1/1999, itagira inomero.

Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni muri iyi baruwa akwandikiye, yibanze gusa k'ubutumwa bw'abayobozi yakugejejeho, ubutumwa bugomba gusohozwa uko buri, ari nta gihinduwe mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ibindi biri mw'ibaruwa yawe yo ku wa 12/1/1999, byagira icyo bivugwaho n'inzego bireba zose, mu bufatanye n'ubwuzuzanye, niba Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri ntacyo arakabibabwiraho, igihe Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni yari mu kiruhuko, mu kwezi kwa cumi n'abiri 1999.

Duhorane umuco, uha byose ireme, ukabibera iremezo, umuco wubaka, kandi uhangana ijambo ukuri n'ubukesha.

Ugire amahoro n'amahirwe.

**Yohani MUKIMBIRI**
Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

**<u>Bimenyeshejwe</u> :**

- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP

- Umuhuzabikorwa PNUD-MIJESCAFOP muri MIJESCAFOP

- Abakozi bose "Programme de Communication et d'Education Civiques pour la Réhabilitation de la Confiance et la Réconciliation Nationale".